URUBANZA RC 00212/2017/TGI/NYGE

URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYARUGENGE, RURI KU CYICARO CYARWO, RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z`IMBONEZAMUBANO, RUKIJIJE URUBANZA RC 00212/2017/TGI/NYGE, KU RWEGO RWA MBERE MU BURYO BUKURIKIRA:

ABABURANA:

UREGA: ABERA Soline mwene NDEMEZO na MUKANDUTIYE, atuye mu Mudugudu wa Sabaganga, Akagali ka Nyanza, Umurenge wa Gatenga, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali.

UREGWA: MUSA HOGA mwene __ na MUSAFIRI, atuye mu Mudugudu wa Gacaca, Akagali ka Rwampara, Umurenge wa Nyarugenge, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali.

IKIBURANWA: Gusaba gukorerwa iherererekanyamutungo (*Mutation/Transfer*) kukibanza gifite icyangombwa UPI: 1/03/02/03/941, giherereye mumudugudu wa SABAGANGA, Akagari ka NYANZA, umurenge wa GATENGA, akarere ka KICUKIRO

I. IMITERERE Y`URUBANZA

[1] ABERA Soline yaregeye urukiko asaba ko rwemeza ko abarurwaho umutungo ubaruwe kuri UPI: 1/03/02/03/941, uherereye mu Mudugudu wa SABAGANGA, Akagari ka NYANZA, umurenge wa GATENGA, akarere ka KICUKIRO, umujyi wa Kigali, amaranye imyaka itatu, yaguze na MUSAFIRI HOGA MUSA.

[2] ABERA Soline uretse ariko gutanga ikirego, ntiyigeze agaragaza ubushake bwo gukurikirana urubanza rwe, mu gihe cy`amezi arenga atandatu yose nkuko abisabwa n`amategeko.

Muri uru rubanza rero hakwiye gusuzumwa ingaruka ku rubanza iyo uwareze atarukurikiranye.

II. ISESENGURA RY`IKIBAZO KIGIZE URUBANZA

Kumenya ingaruka z`urubanza iyo uwareze atarukurikiranye

[3] ABERA Soline yareze asaba kwandikwaho umutungo yaguze, ariko uretse ko yatanze ikirego mu Rukiko, ntiyigeze agaragaza ubushake bwo gukurikirana urubanza rwe, bigera ubwo rusazira mu Rukiko kuko rwarengeje amezi atandatu nta bushake na bucye bwo gukurikirana.

[4] Ingingo ya 137 y`itegeko N° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ivuga ko urubanza rwose rwaregewe rugahagarara amezi atandatu (6) rutaburanywe biturutse ku bushake buke bw'urega ntiruba rukiburanishijwe rutongeye gutangirwa ingwate y'amagarama bundi bushya.

[5] Urukiko rusanga mu gihe ABERA Soline yararegeye Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, ariko ntakurikirane urubanza rwe, bikagera ubwo rusazira mu Rukiko rukarenza amezi atandatu, nta bushake agaragaje bwo kurukurikirana, urubanza rwe rukwiye gusibwa mu bitabo by`Urukiko, ntirubiranishwe.

III. ICYEMEZO CY`URUKIKO

[6] RWEMEJE ko uru rubanza rwashaje, rukaba rudakwiye kuburanishwa;

[7] RUVUZE ko amagarama yatanzwe mu kurega ahwanye n`ibyakozwe muu rubanza.

NI UKO BYEMEJWE KANDI BISOMEWE MU RUHAME, NONE KUWA 22/1/2018

Sé	**Sé**
BURAYOBERA UMUZAYIRE Bibiane	**KAGOYIRE Françoise**
UMUCAMANZA	**UMWANDITSI**